

# **IMIRONGO NGENDERWAHO Y'IGIKORWA CYO GUKORA IBARURA RY'ABANA BUGARIJWE N'IBIBAZO KURUSHA ABANDI MU GIHUGU**

## **1.0 INTANGIRIRO**

Mu rwego rwo kugira amakuru y'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi mu gihugu, Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abana (NCC) n'abandi bafatanyabikorwa, hateguwe igikorwa cyo kubarura abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi. Iri barura rikaba rizagaragaza imibare y'abo bana kugira ngo hakorwe iteganyabikorwa, ubuvugizi, hamenyekana ubufasha bakeneye, kandi habeho guha umurongo abafatanyabikorwa batanga serivisi mu bana ku bibazo bitandukanye ; byose bigamije kurengera uburenganzira bw'umwana.

## **2.0 INTEGO Y'IYI MIRONGO NGENDERWAHO**

Iyi imirongo ngenderwaho yateguwe kugira ngo izifashishwe n'abategura n'abazakora ibarura ry'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi mu gihugu.

## **3.0 AMAHUGURWA Y'ABAZAKORA N'ABAZAKURIKIRANA IKI GIKORWA**

Kugira ngo iri barura ry'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi rizagende neza ni ngombwa ko abazarigiramo uruhare bose basobanukirwa neza amabwiriza azarigenga n'inshingano za buri wese. Ni ngombwa kandi ko abazakora ibarura basobanukirwa neza uko bagomba kuzakora iki gikorwa. Ibi bisaba ko baba basobanukiwe neza uko bagomba kwitwara, abana bagomba kubarurwa aba aribo ndetse n'uko buzuza ifishi izifashishwa muri iki gikorwa.

Kubera izi mpamvu zivuzwe, abakozi ba Komisiyo y'Igihugu ishinze Abana n'abafatanyabikorwa bayo muri iki gikorwa bazahugura abagize komite yo ku rwego rw'Akarere (District OVC Committee) n'abakozi b'Imirenge bashinzwe imibereho myiza y'abaturage. Aya mahugurwa akazabera ku rwego rw'Akarere.

Abahuguwe ku rwego rw'Akarere nibo bazahugura Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari n'abazakora ibarura batatu kuri buri Mudugudu. Kubera umubare munini w'abagomba kwitabira aya mahugurwa ku rwego rw'Umurenge, bizakorwa mu byiciro bibiri cyangwa bitatu ku buryo buri tsinda ritarenza abantu 40; bityo bahugurirwe ahagereye Utugari twabo. Ibi bizatuma bakurikirana neza ayo mahugurwa kandi biboroherere n'urugendo.

## **4.0 UKO IBARURA RIZAKORWA**

1. Igikorwa cyo gutoranya abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi kizabera ku rwego rw'Umudugudu, gikorwe nta marangamutima kandi gishingiye ku bibazo byihariye abana bafite;
2. Gahunda y'igikorwa cyo gutoranya abana igomba kumenyekanishwa muri buri Mudugudu nibura icyumweru kimwe mbere y'uko iba;
3. Abana bazabarurwa ni abari muni y'imyaka cumi n'umunani kandi imiryango yabo iri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'ubudehe ;

4. Ukora ibarura azasura umuryango ku wundi ubarizwa mu byiciro byavuzwe hejuru kandi ufite abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi ;
5. Mu rwego rwo kugira ngo amakuru ku mwana wugarijwe n'ibibazo kurusha abandi azagaragare yuzuye neza, buri mwana azuzurizwa amakuru ku ifishi yabugenewe;
6. Nyuma y'uko ibarura ryo ku rwego rw'Umudugudu rirangiye, inama y'inteko rusange y'abaturage ku rwego rw'Umudugudu izaterana yemeze amakuru yavuye muri iryo barura. Abazagaragara nk'abatujye ibikenerwa, amafishi yabo azacishwamo uturongo tubiri duhagaze, nayo abikwe hamwe n'andi. Abacikanywe nabo bazabarurirwa muri iyo nama. Muri iyo nama kandi umuyobozi w'Umudugudu n'umwana uhagarariye komite y'ihuriro ry'abana ku rwego rw'Umudugudu nabo bazasinye ku mafishi y'abana babaruwe bemeza ko amakuru ya buri mwana yujijwe neza;
7. Umuyobozi w'Umudugudu niwe uzashyikiriza amafishi y'abana bose babaruwe mu Mudugudu ku Munyamabanaga Nshingwabikorwa w'Akagari;
8. Amafishi yose yaturutse mu Tugari azakusanyirizwa ku Murenge yoherezwe ku Karere ari naho azabikwa. Aya mafishi agomba kubikwa neza ku buryo yajya aboneka igihe icyo aricyo cyose akenewe n'inzeho zitandukanye ;
9. Amakuru ari ku mafishi yose yaturutse mu Mudugudu azinjizwa mu ikusanyirizo ry'Amakuru y'abana bugarijwe n'ibibazo (MVC database) ku rwego rw'Akarere. Umuyobozi w'Akarere wungirijye Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage niwe uzakurikirana uko aya makuru yinjizwa mu ikusanyirizo ry'Amakuru (*database*) yifashishije ushinzwe ibarurishamibare (*statistician*) mu Karere.
10. Buri rwego ruzatanga raporo igaragaza umubare w'abana bugarijwe n'ibibazo babaruwe ku rwego rurukuriye hifashishijwe amafishi (*format*) ari ku migereka;
11. Akarere kazakusanya imibare y'abana babaruwe yavuye mu Mirenge kayohereze kuri Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana.

#### **ABAZAKORA IBARURA KU MUDUGUDU**

Ibarura ry'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi rizakorwa n'abantu batatu (3) babarizwa muri Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Umudugudu aribo : 1) Umukuru w'Umudugudu 2) Ushinzwe Umutekano 3) Ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage; mu gihe cy'iminsi ibiri (2) kuva tariki ya **29 - 30 Mutarama 2014**.

## 5.0 INSHINGANO ZA BURI RWEGO

URWEGO	IBIKORWA	UBIKURIKIRANA
UMUDUGUDU	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Kumenyekanisha igikorwa mu Mudugudu wose;</li> <li>- Gukurikirana igikorwa ku rwego rw'Umudugudu hagenewe ku mabwiriza agenga iki gikorwa;</li> <li>- Kunganira abazakora ibarura mu gihe iki gikorwa kirimo gukorwa;</li> <li>- Gutumira inama y'Inteko rusange y'abaturage no kwemeza urutonde rw'abana babaruwe mu Mudugudu;</li> <li>- Gusinya amafishi yujujwe no kuyohereza ku Kagari.</li> </ul>	Umukuru w'Umudugudu
AKAGARI	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Kunganira Imidugudu igize Akagari mu gutegura iki gikorwa;</li> <li>- Kugeza ibikoresho bizakenerwa ku Midugudu igize Akagari ku gihe;</li> <li>- Gukurikirana imigendekere myiza y'igikorwa mu Midugudu igize Akagari;</li> <li>- Guhuza amafishi yavuye mu Midugudu igize Akagari;</li> <li>- Kugenzura ko amafishi yujujwe neza.</li> </ul>	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari
UMURENGE	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Gusobanurira Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari n'abazakora amabwiriza agenga itoranywa ry'abana bugarijwe n'ibibazo n'uburyo amafishi yuzuzwa;</li> <li>- Kunganira Utugari tugize Umurenge mu gutegura iki gikorwa;</li> <li>- Kugeza ibikoresho bizakenerwa ku Tugari tugize Umurenge ku gihe;</li> <li>- Gukurikirana imigendekere y'igikorwa mu Tugari tugize Umurenge;</li> <li>- Guhuza amafishi yavuye mu Tugari tugize Umurenge;</li> <li>- Kugenzura ko amafishi yujujwe neza.</li> </ul>	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
AKARERE	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Gusobanurira Komite z'Imirenge amabwiriza agenga itoranywa ry'abana bugarijwe n'ibibazo n'uburyo amafishi yuzuzwa;</li> <li>- Kunganira Imirenge igize Akarere mu gutegura iki gikorwa;</li> <li>- Kugeza ibikoresho bizakenerwa ku Mirenge igize Akarere ku gihe;</li> <li>- Gukurikirana imigendekere myiza y'igikorwa mu</li> </ul>	Umuyobozi w'Akarere

URWEGO	IBIKORWA	UBIKURIKIRANA
	<p>Mirenge igize Akarere;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Guhuza amafishi yavuye mu Mirenge igize Akarere;</li> <li>- Kwinjiza amakuru yo ku mafishi mu ikusanyirizo ry'amakuru (MVC database);</li> <li>- Kubika neza amafishi yavuye mu Midugudu.</li> </ul>	
<p>KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE ABANA N'ABAFATANY ABIKORWA</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Gutegura iki gikorwa n'amabwiriza yose akigenga ;</li> <li>- Guhugura abazakurikirana iki gikorwa ku rwego rw'Akarere ;</li> <li>- Kunganira Uturere mu gutegura iki gikorwa;</li> <li>- Kugeza ibikoresho bizakenerwa ku Turere;</li> <li>- Gutangaza iki gikorwa mu bitangazamakuru;</li> <li>- Gukurikirana imigendekere y'igikorwa mu Turere;</li> <li>- Gukora Database y'abana bugarijwe n'ibibazo mu gihugu;</li> <li>- Gusakaza ibyavuye muri iri barura.</li> </ul>	<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa</p>

## 6.0 Gahunda y'igikorwa cyo gutoranya abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi mu Gihugu

#	IGIKORWA	UGISHINZWE	ABAZAKITABIRA	AHO KIZAKORERWA	IGIHE KIZAKORERWA
1	Gusuzuma amabwiriza yo kuzuza ifishi izifashishwa kubarura abana bugarijwe n'ibibazo	<u>Absolom/NCC</u> Abazamufasha: Ernest	NA	NCC	07-08/11/2013
2	Kwemeza inyandiko y'amabwiriza yo kuzuza ifishi izifashishwa kubarura abana bugarijwe n'ibibazo yashyizwe mu Kinyarwanda	<u>ES/NCC</u>	NA	NCC	13/11/2013
3	Gucapa (printing) ifishi izakoreshwa mu ibarura no gufotora inyandiko y'amabwiriza yo kuzuza ifishi izifashishwa kubarurara abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi	<u>Absolom/NCC</u> Abazamufasha: Rwiyemezamirimo	NA	Rwiyemezamirimo	06-08/01/2014
4	Kumenyesha inzego za leta zitandukanye bireba n'abandi bafatanyabikorwa gahunda yo kubarura abana bugarijwe n'ibibazo	<u>ES/NCC</u> Abazamufasha: Damascene	NA	NCC	07/01/2014

#	IGIKORWA	UGISHINZWE	ABAZAKITABIRA	AHO KIZAKORERWA	IGIHE KIZAKORERWA
5	Kohereza mu Turere inyandiko zizakoreshwa mu ibarura ry'abana bugarijwe n'ibibazo kugira ngo bazifotoze	<u>James/NCC</u>  Abazamufasha: Absolom, Annet, Damascene, Josiane, Shakila, Bernardine		NCC	08-10/01/2014
6	Gufotora amafishi n'amabwiriza bizakoreshwa mu ibarura ry'abana bugarijwe n'ibibazo ku rwego rw'Akarere	Vice Mayor/Social Affairs  Abazamufasha:  District Focal Person	NA	Akarere	13-17/01/2014
7	Guhugura komite yo ku Karere izafasha mu guhugura abazakora igikorwa cyo kubarura no gutanga inyandiko zizakoreshwa mu ibarura	Absolom/NCC  Abazamufasha: James, Damascene, Josiane, Annet, Shakila, Bernardine	District OVC Committee, ASOC/Umurenge	Akarere	21 – 22/01/2014
8	Guhugura abazakora ibarura ry'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi ku rwego rw'Umurenge	Vice Mayor Social Affairs/ District  Abazamufasha: District OVC Committee, ASOC/Umurenge	Abanyamabanga nshingwabikorwa b'Utugari (1/Akagari)  Abazakora ibarura (3/Mudugudu)	Umurenge	23 - 24/01/2014

#	IGIKORWA	UGISHINZWE	ABAZAKITABIRA	AHO KIZAKORERWA	IGIHE KIZAKORERWA
9	Gutanga amatangazo asobanura uko igikorwa cyo kubarura abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi kizakorwa ku rwego rw'Akarere	<b>Vice Mayor Social Affairs/Akarere, SE/Umurenge</b>	NA	TV, Radio, Insengeru, no ku biro by'Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu	10 – 29/01/2014
10	Ikiganiro kigenewe abanyamakuru ku gikorwa cy'ibarura ry'abana bugarijwe n'ibibazo mu Gihugu	<b>Annet/NCC</b> <u>Uzayobora ikiganiro:</u> Minister MIGEPROF	Abanyamakuru	PRIMATURE	23/01/2014
11	Ubutumwa bumenyakanisha uko igikorwa kizagenda ku ma radiyo atandukanye	<b>Annet/NCC</b>	NA	NCC	25-29/01/2014
12	Kubarura abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi	<b>Vice Mayor Social Affairs/Akarere</b> SE/Akagari, Umuyobozi w'umudugudu, , District OVC Committee, SE/Umurenge, Partners in OVC, komite y'ihuriro ry'abana ku mudugudu, NCC. <b>Abazabarura:</b> Abazakora ibarura (3)/Umudugudu	Abaturage	Umudugudu	29-30/01/2014

#	IGIKORWA	UGISHINZWE	ABAZAKITABIRA	AHO KIZAKORERWA	IGIHE KIZAKORERWA
13	Inama y'inteko rusange ku Mudugudu yemeza ibyavuye mu ibarura ry'abana bugarijwe nibibazo no gukosora amafishi atujuye neza	<b>SE/Akagari</b>  <b>Abazamufasha:</b> <b>Umukuru w'Umudugudu</b>	Abaturage bagize inteko rusange , komite y'ihuriro ry'abana ku rwo rw'Umudugudu	Umudugudu	<b>31/01 - 03/02/2014</b>
14	Gukusanya amafishi yakoreshejwe mu ibarura na raporo ku rwego rw'Akagari	<b>SE/Akagari</b>	Abayobozi b'Imidugudu, Abazakora Ibarura (3)/Umudugudu	Akagari	04-05/02/2014
15	Gukusanya amafishi yabaruriweho na raporo ku rwego rw'Umurenge	<b>SE/Umurenge</b>	SE/Umurenge, SE/Akagari	Umurenge	06-07/02/2014
16	Gukusanya amafishi yabaruriweho na raporo ku rwego rw'Akarere	<b>Vice Mayor Social Affairs/Akarere</b>	NA	Akarere	10-12/02/2014
17	Gutanga raporo kuri NCC y'uko igikorwa cyagenze hanagaragazwa imibare y'abana babaruwe mu Karere	<b>Mayor/Akarere</b>	NA	Akarere	13-14/02/2014
18	Gutanga raporo y'abana babaruwe mu Turere twose tugize Igihugu	<b>Absolom/NCC</b>	NA	NCC	21/02/2014



## **IMIGEREKA**



**UMUGEREKA I**

**Raporo y'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi babaruwe  
ku rwego rw'UMUDUGUDU**

Akarere: \_\_\_\_\_

Umurenge: \_\_\_\_\_

Akagari: \_\_\_\_\_

Umudugudu: \_\_\_\_\_

Itariki: \_\_\_\_/01/2014

UMUBARE W'ABAHUNGU	UMUBARE W'ABAKOBWA	BOSE HAMWE

Amazina n'umukono by'Umwana Uhagarariye

Ihuriro ry'Abana ku rwego rw'Umudugudu:

Amazina n'umukono by'Umukuru w'Umudugudu



**UMUGEREKA II**

**Raporo y'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi babaruwe  
ku rwego rw'Akagari**

**Akarere:** \_\_\_\_\_ **Umurenge:** \_\_\_\_\_ **Akagari:** \_\_\_\_\_

**Itariki:** \_\_\_\_/02/2014

#	Umudugudu	UMUBARE W'ABAHUNGU	UMUBARE W'ABAKOBWA	BOSE HAMWE
1				
2				
3				
4				
5				
6				
7				
8				
9				
10				
	<b>BOSE HAMWE</b>			

Amazina n'umukono by'Umwana Uhagarariye

Ihuriro ry'Abana ku rwego rw'Akagari:

Amazina, umukono na cachet by'Umunyamabanga

nshingwabikorwa w'Akagari :



**UMUGEREKA III**

**Raporo y'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi babaruwe  
ku rwego rw'Umurenge**

Akarere: \_\_\_\_\_

Umurenge: \_\_\_\_\_

Itariki: \_\_\_\_/02/2014

#	Akagari	UMUBARE W'ABAHUNGU	UMUBARE W'ABAKOBWA	BOSE HAMWE
1				
2				
3				
4				
5				
6				
7				
8				
	<b>BOSE HAMWE</b>			

Amazina n'umukono by'Umwana Uhagarariye

Ihuriro ry'Abana ku rwego rw'Umurenge:

Amazina, umukono na cachet by'Umunyabanga

nshingwabikorwa w'Umurenge



**UMUGEREKA IV**

**Raporo y'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi babaruwe  
ku rwego rw'Akarere**

**Akarere:** \_\_\_\_\_

**Itariki:** \_\_\_\_/02/2014

#	Umurenge	UMUBARE W'ABAHUNGU	UMUBARE W'ABAKOBWA	BOSE HAMWE
1				
2				
3				
4				
5				
6				
7				
8				
9				
10				
11				
12				
13				
14				
15				



KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE ABANA (NCC)

#	Umurenge	UMUBARE W'ABAHUNGU	UMUBARE W'ABAKOBWA	BOSE HAMWE
16				
17				
18				
19				
20				
21				
	<b>BOSE HAMWE</b>			

Amazina n'umukono by'Umwana Uhagarariye

Ihuriro ry'Abana ku rwego rw'Akarere:

Amazina, umukono na cachet by'Umuyobozi

w'Akarere :